

**RAPORO Y'AMATORA Y'ABAYOBOZI B'INZEGO  
Z'IBANZE N'AB'INZEGO ZIHARIYE YO MURI  
GASHYANTARE-WERURWE 2011**

*Werurwe, 2011*



## IJAMBO RY'IBANZE

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, mu ngingo yaryo ya 180, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ifite inshingano yo gutegura no kuyobora Amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze, ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko, aya Perezida wa Repubulika, aya Referendumu n'andi matora itegeko ryayigenera.

Kubera ko manda y'imyaka itanu y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'izihariye batowe muri Mutarama-Werurwe 2006 yari irangiye;

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye kandi inayobora amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze, kuva ku Mudugudu kugera ku rwego rw'Umujyi wa Kigali n'ab'inzego zihariye kuva ku Mudugudu/Akagari kugeza ku rwego rw'Igihugu. Ayo matora yabaye muri Gashyantare-Werurwe 2011.

Ku bijyanye n'Inzego z'ibanze, hateguwe hanayoborwa amatora akurikira:

1. Amatora y'abagize Komite Nyobozi z'Imidugudu,
2. Amatora y'abagize Inama Njyanama z'Utugari,
3. Amatora y'abagize Inama Njyanama z'Imirenge,
4. Amatora y'abagize Inama Njyanama na Komite Nyobozi by'Uturere,
5. Amatora y'abagize Inama Njyanama na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali.

Amatora y'abayobozi b'inzego zihariye yakozwe ni aya akurikira :

1. Komite Nyobozi z'Inama y'Igihugu y'Abagore kuva ku Mudugudu kugera ku rwego rw'Igihugu.
2. Komite Nyobozi z'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akagari, Umurenge, Akarere no ku rwego rw'Igihugu.
3. Komite Nyobozi z'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga kuva ku rwego rw'Akagari kugera ku rwego rw'Igihugu.
4. Komite Nyobozi z'abahagarariye urubyiruko rwo mu mashuri yisumbuye n'amakuru kuva ku kigo cy'ishuri kugera ku rwego rw'Igihugu.

Muri rusange amatora yitabiriwe ku buryo bushimishije kandi yanzwe na kandidatire nyinshi, bigaragaza intera Abanyarwanda bagezeho mu kwishyiriraho ubuyobozi bubabereye.

Muri aya matora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inzego zihariye ingengo y'imari yakoreshejwe yatanze na Leta y'u Rwanda ku gipimo cya 84.4% andi mafaranga atangwa n'abafatanyabikorwa ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iboneyeho umwanya wo gushimira by'umwihariko Leta y'u Rwanda, abafatanyabikorwa bandi batandukanye n'Abanyarwanda muri rusange kubera uruhare rugaragara bagize mu migendekere myiza y'aya matora. Irashimira kandi abakorerabushake b'amatora kubera ubwitange, ubushishozi, umurava n'ubunyangamugayo bagaragaje mu bikorwa bitandukanye by'aya matora.

Kigali, Werurwe 2011.



**Prof. Dr KARANGWA Chrysologue**

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora

# Ishakiro

<i>IJAMBO RY'IBANZE</i> .....	<i>i</i>
<i>ISHAKIRO</i> .....	<i>iii</i>
<i>INTANGIRIRO</i> .....	<i>1</i>
<i>UMUTWE WA MBERE : IMYITEGURO Y'AMATORA</i> .....	<i>3</i>
1.1. Gutegura gahunda y'amatora .....	3
1.2. Kugena no gushaka ingengo y'imari y'amatora .....	4
1.3. Gutanga inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora.....	6
1.4. Gutegura amategeko n'amabwiriza bigenga amatora y'abayobozi b'inzezo z'ibanze n'ab'inzezo zihariye.....	8
1.5. Gushyiraho no guhugura abakozi bayoboye amatora .....	9
1.6. Kumenyekanisha amatora .....	9
1.7. Gutunganya lisiti y'itora no gutanga amakarita y'itora.....	10
1.8. Gushaka ibikoresho by'amatora .....	12
1.9. Kwakira indorerenzi z'amatora .....	13
1.10. Kwakira, gusuzuma no kwemeza kandidatire .....	15
1.11. Kugena ahatorerwa .....	17
1.12. Kwiyamamaza kw'abakandida .....	18
<i>UMUTWE WA II: IMIGENDEKERE Y'AMATORA N'IBYAYAVUYEMO</i> .....	<i>19</i>
2.1. Amatora y'abayobozi b'inzezo z'ibanze .....	19
2.1.1 Amatora ya Komite Nyobozi z'Imidugudu .....	19
2.1.2 Amatora y'abagize Inama Njyanama z'Utugari.....	22
2.1.3. Amatora y'abagize Inama Njyanama z'Imirenge .....	24
2.1.4. Amatora y'abagize Inama Njyanama z'Uturere.....	26

2.1.5. Amatora y'abagize Biro z'Inama Njyanama na Komite Nyobozi by'Uturere .....	31
2.1.6. Amatora y'abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali.....	34
2.1.7. Amatora y'abagize Biro y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali .....	35
2.2. Amatora y'abayobozi b'inzego zihariye .....	38
2.2.1. Komite Nyobozi z'Inama y'Igihugu y'Abagore .....	38
2.2.2. Komite Nyobozi z'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko .....	38
2.2.3. Komite Nyobozi z'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga .....	39
UMUTWE WA III. IBYARANZE AMATORA .....	41
3.1. Ibyiza byaranze amatora .....	41
3.2. Ibibazo n'imbogamizi byagaragaye mu matora .....	43
UMUTWE WA IV: IBYIFUZO .....	44
UMUSOZO .....	45
IMIGEREKA .....	46

## INTANGIRIRO

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, mu ngingo yaryo ya 180;

Ishingiye ku Itegeko n° 31/2005 ryo kuwa 24/12/2005 rigena Imiterere n'Imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nk'uko ryavugururwe kandi ryujijwe kugeza ubu;

Ishingiye ku Itegeko n° 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora mu Rwanda;

Ishingiye ku Iteka rya Perezida n° 01/01 ryo kuwa 03/02/2011 rigenga amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze ku rwego rw'Umudugudu, Akagari n'Umurenge;

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye inayobora amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze kuwa ku Mudugudu kugera ku rwego rw'Umujyi wa Kigali muri Gashyantare-Werurwe 2011. Yaboye kandi amatora y'abagize Komite Nyobozi z'Inama y'Igihugu y'Abagore, Inama y'Igihugu y'Urubiruko n'ay' Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga.

Mu gutegura aya matora hifashishijwe kandi Amategeko akurikira:

- Itegeko n° 02/2011 ryo kuwa 10/02/2011 rigena Inshingano n'Imiterere by'Inama y'Igihugu y'Abagore;
- Itegeko no 24/2003 ryo kuwa 14/08/2003 rigena Imiterere n'Imikorere by'Inama y'Igihugu y'Urubiruko nk'uko ryavugururwe kandi ryujijwe kugeza ubu;
- Itegeko n° 02/2011 ryo kuwa 10/02/2011 rigena Inshingano, Imiterere n'Imikorere by'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga;
- Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 01/03 ryo kuwa 11/02/2011 rigena Inshingano, Imiterere n'Imikorere by'Inzego z'Inama y'Igihugu y'Abagore;
- Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 02/03 ryo kuwa 11/02/2011 rigena Inshingano, Imiterere n'Imikorere by'Inzego z'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga;
- Iteka rya Minisitiri n° 01/2003 ryo kuwa 09/09/2003 rigena itora ry'abagize inzego z'ubuyobozi bw'Inama y'Igihugu y'Urubiruko nk'uko ryahindurwe kandi ryujijwe kugeza ubu.

Kugira ngo amatora agende neza, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyize ingufu mu bikorwa by'ingenzi bikurikira :

1. Gutegura gahunda rusange y'amatora ;
2. Gushaka ingengo y'imari ;
3. Gukurikirana itegurwa ry'amategeko agenga amatora y'abayobozi b'inzego zihariye ;
4. Gutanga inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora ;
5. Gutegura amabwiriza agenga amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inzego zihariye ;
6. Gushyiraho no guhugura abakozi bayoboze amatora;
7. Gushyiraho gahunda yo gushishikariza abatwariye ibikorwa by'amatora;
8. Gutegura lisiti y'itora no gutanga amakarita y'itora;
9. Gushaka ibikoresho by'amatora;
10. Kwakira indorerezi z'amatora;
11. Kwakira, gusuzuma no kwemeza kandidatire z'abifuzaga kujya mu Nama Njyanama z'Uturere;
12. Gukurikirana igikorwa cyo kwiyamamaza kw'abakandida;
13. Kugena, gutunganya no gusukura ahatorewe;
14. Kugeza ibikoresho ahatorewe no kubitarura.

Muri rusange ibyari biteganyijwe byose byarakozwe. Ibi bikaba byaratumye amatora agenda neza, abatwariye bayitabira ku buryo bushimishije kandi batora neza mu mucyo no mu bwisanzure bisanzwe biranga amatora ateguye neza.

Nk'uko kandi biteganywa n'ingingo ya 28 y'Itegeko n° 31/2005 ryo kuwa 24/12/2005 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nk'uko ryavugururwe kandi ryujwe kugeza ubu;

Hateguwe iyi raporo igaragaza mu buryo burambuye uko amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inzego zihariye yabaye muri Gashyamba-Werurwe 2011 yagenze. Iyi raporo igizwe n'ingingo z'ingenzi zikurikira:

1. Imyiteguro y'amatora;
2. Imigendekere y'amatora n'ibyavuyemo;
3. Ibyaranzwe amatora;
4. Ibyifuzo.



## UMUTWE WA MBERE: IMYITEGURO Y'AMATORA

### 1.1. *Gutegura gahunda y'amatora*

Kugira ngo ibikorwa byose bitegura amatora bishobore gutunganywa neza no gukurikiranwa umunsi ku wundi, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye gahunda irambuye y'amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inzego zihariye iyishyikiriza inzego nkuru z'igihugu. Iyi gahunda yemejwe n'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 27/10/2010. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ibikorwa by'ingenzi muri iyo gahunda n'igihe byakorewe :

#### *Imbonerahamwe ya mbere: Ibikorwa by'ingenzi n'igihe byakorewe*

N°	IGIKORWA	IGIHE CYAKOREWE
1.	Kwemeza gahunda rusange y'amatora	27/10/2010
2.	Kwigisha no gukangurira abaturage ibijyanye n'amatora	Ukwakira 2010 – Mutarama 2011
3.	Gutunganya no gutangaza lisiti y'itora ntakuka	25/10/2010 - 04/02/2011
4.	Kwakira kandidatire z'abifuzaga kujya mu Nama Njyanama z'Uturere	10-24/01/2011
5.	Gutangaza Kandidatire zemewe	28/01/2011
6.	Kwiyamamaza kw'abakandida	31/01-20/02/2011
7.	Amatora ya Komite Nyobozi z'Imidugudu na bamwe mu bagize Inama Njyanama z'Utugari	04/02/2011
8.	Amatora y'abagize Inama Njyanama z'Utugari	13-16/02/2011
9.	Amatora y'abagize Inama Njyanama z'Imirenge	17-19/02/2011
10.	Amatora y'Abajyanama rusange n'abakandida b'abagore mu Nama Njyanama z'Uturere batorewe mu Mirenge yose	21/02/2011

11.	Amatora ya Komite Nyobozi z’Uturere	25/02/2011
12.	Amatora ya Komite Nyobozi y’Umujyi wa Kigali	26/02/2011
13.	Kurahira kw’abagize Komite Nyobozi y’Umujyi wa Kigali	01/03/2011

## **1.2. Kugena no gushaka ingengo y’imari y’amatora**

Kugira ngo Amatora y’abayobozi b’inze z’ibanze n’ab’inze zihariye ashobore gutegurwa no kuyoborwa neza, hagombaga ingengo y’imari. Komisiyo y’Igihugu y’Amatora yateguye ingengo y’imari igera kuri **5,578,456,686** Frw iyigeza ku nze za Leta bireba zirayemeza.

Leta y’u Rwanda yatanze amafaranga angana na **4,708,105,721** Frw (84,4%).

Abafatanyabikorwa ba Komisiyo y’Igihugu y’Amatora batanze **870,350,965** Frw (15,6%).


### ***Imbonerahamwe ya 2: Ingengo y’imari n’aho yaturutse***

<b>Aho ingengo y’imari yaturutse</b>	<b>Umubare w’amafaranga</b>	<b>Ijanisha (%)</b>
Leta y’u Rwanda	4,708,105,721	84.4%
Ubwongereza (binyuze muri DFID)	474,426,950	8.5%
UNDP	170,751,326	3.1%
Amafaranga yari kuri konti ya Basket Fund	225,172,689	4.0%
<b>Igiteranyo</b>	<b>5,578,456,686</b>	<b>100.0%</b>

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ibikorwa by’amatora byakozwe, ingengo y’imari yari iteganyijwe n’iyakoreshejwe.

**Imbonerahamwe ya 3: Uko ingengo y'imari yakoreshejwe mu matora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inzego zihariye**

INGENGO Y'IMARI YATEGUWE		INGENGO Y'IMARI YAKORESHEJWE				
Aho Amafaranga yaturutse	Amafaranga	Imirongo migari yagiyeho ingengo y'imari	Amafaranga			
Leta y'u Rwanda	4,708,105,721		Leta y'u Rwanda	Basket Fund	UNDP	Igiteranyo
Abafatanyabikorwa (Basket Fund )	699,599,639	Guhemba abakozi n'abakorerabushake	1,891,570,318	262,842,498	2,587,500	2,157,000,316
UNDP	170,751,326	Ibikoresho byo mu biro	140,719,966		460,000	141,179,966
		Ibikoresho by'amatora, lisiti y'itora, amakarita y'itora	508,975,516	50,000,000		558,975,516
		Gukodesha imodoka n'ingendo	404,353,663	113,997,600		518,351,263
		Gucapa no gutubura inyangiko zitandukanye	196,090,061			196,090,061
		Inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora	356,328,353	31,668,840	92,755,742	480,752,935
		Kumenyekanisha ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora	140,000,000			140,000,000
		Amafaranga y'itumanaho	113,423,395	35,990,000		149,413,395
		Imirimo isaba impuguke	33,805,814		6,857,142	40,662,956
		Amahugurwa	277,889,026	75,266,700	68,090,942	421,246,668
		Ibindi bikorwa	16,696,151			16,696,151
<b>IGITERANYO RUSANGE</b>	<b>5,578,456,686</b>		<b>4,079,852,263</b>	<b>569,765,638</b>	<b>170,751,326</b>	<b>4,820,369,227</b>



### **1.3. Gutanga inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora**

Mu rwego rwo gusobanurira Abanyarwanda ibijyanye n'amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inzego zihariye yo muri Gashyantare-Werurwe 2011, Komisiyo y'Igihugu y'amatora yahuguye ibyiciro bitandukanye by'abaturage.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ibyiciro bitandukanye by'Abanyarwanda bahuguwe n'imibare yabo kuva mu Ugushyamba 2010 kugeza muri Werurwe 2011.

**Imbonerahamwe ya 4: Bimwe mu byiciro bitandukanye by'Abanyarwanda bahuguwe**

<b>No</b>	<b>ICYICIRO CYAHUGUWE</b>	<b>IMIBARE Y'ABAHUGUWE</b>
1	Abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ku rwego rw'Igihugu	98
2	Komite Mpuzabikorwa by'Uburere Mboneragihugu ku Mirenge	1,664
3	Inzego z'Urubyiruko, iz'Abagore n'iz'abantu bafite Ubumuga	6,406
4	Abayobozi mu nzego z'ibanze	886
5	Abahagarariye Imiryango itari iya Leta	3,150
6	Abanyamakuru	200
7	Abashinzwe umutekano (Security organs)	100
8	Abakozi bo mu bigo bya Leta n'ibiyigenga	2,130
9	Abategura bakayobora amatora ku nzego zitandukanye	103,188
10	Abagize Ihuriro ry'Igihugu ry'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda	50
11	Itorero ry'abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye mu mwaka wa 2010	35,751
12	Abanyeshuri bo mu mashuri makuru na za kaminuza	3,195
13	Indorezezi z'amatora	261
<b>Igiteranyo</b>		<b>157,079</b>

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yifashishije bimwe muri ibyo byiciro byahuguwe mu gushishikariza abaturage ibijyanye n'amatora muri rusange. Ibiganiryo n'inyigisho byatanze byibanze cyane ku nsanganyamatsiko zikurikira :

- Uruhare rw'amatora mu gushimangira Imiyoborere myiza na demokarasi;
- Imiterere y'inzego zitorerwa;
- Uburyo abayobozi ba buri rwego batorwa n'abagize inteko zibatora;
- Gahunda y'amatora;
- Iby'ingenzi mu mategeko n'amabwiriza bigenga imiyoborere y'amatora;
- Imyitwarire n'inshingano z'abakorerabushake b'amatora mu bihe by'amatora;
- Imyitwarire n'uruhare rw'inzego zitandukanye mu matora;
- Imicungire n'imikoreshereze y'ibikoresho by'amatora bitandukanye bikoreshwa mu cyumba cy'itora;
- Imikorere n'imikoranire y'abakorerabushake b'amatora n'izindi nzego zigira uruhare mu matora (abayobozi b'inzego z'ibanze, abashinzwe umutekano, indorerezi z'amatora n'abandi).

#### **1.4. *Gutegura amategeko n'amabwiriza bigenga amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inzego zihariye***

Mu rwego rwo gutegura amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inzego zihariye yo muri Gashyantare-Werurwe 2011, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagize uruhare mu gutegura umushinga w'Iteka rya Perezida n°01/01 ryo ku wa 03/02/2011 rigenga amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze ku rwego rw'Umudugudu, urw'Akagari n'urw'Umurenge.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye kandi amabwiriza atandukanye agenga amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inzego zihariye. Ayo mabwiriza ni :

- a) Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n° 006/2010 yo ku wa 01/10/2010 yerekeye ivugurura rya lisiti y'itora;
- b) Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n° 001/2011 yo ku wa 03/01/2011 yerekeye amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze;

- c) Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n° 003/2011 yo ku wa 12/02/2011 yerekeye amatora y'abayobozi b'inzego zihariye.

### 1.5. *Gushyiraho no guhugura abakozi bayoboye amatora*

Mu matora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inzego zihariye yo muri Gashyantare-Werurwe 2011, hashyizweho abakozi bayoboye amatora ku rwego rw'Igihugu, Intara n'Umujyi wa Kigali, Akarere, Umurenge, ku biro by'itora no mu byumba by'itora nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

***Imbonerahamwe ya 5 : Abakozi bakoze mu matora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inzego zihariye yo muri Gashyantare-Werurwe 2011***

Intara/Umujyi wa Kigali	Umubare w'abakozi					
	<i>Ku rwego rw'Intara</i>	<i>Ku rwego rw'Uturere</i>	<i>Ku rwego rw'Imirenge</i>	<i>Ku biro by'itora</i>	<i>Mu byumba by'itora</i>	<i>Igiteranyo/Intara</i>
Umujyi wa Kigali	2	9	70	588	6,108	6,777
Amajyepfo	2	24	202	2,140	14,712	17,080
Amajyaruguru	2	15	178	1,552	11,280	13,027
Iburengerazuba	6	21	192	2,100	14,732	17,051
Iburasirazuba	2	21	190	2,004	15,560	17,777
<b>Igiteranyo</b>	<b>14</b>	<b>90</b>	<b>832</b>	<b>8,384</b>	<b>62,392</b>	<b>71,712</b>

### 1.6. *Kumenyekanisha amatora*

Uretse kwigisha Abanyarwanda uburere mboneragihugu n'uburyo bwo gutora muri rusange, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyizeho gahunda yo gushishikariza Abanyarwanda benshi bashoboka amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inzego zihariye yari ateganyijwe, hakoreshejwe uburyo bunyuranye bugaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe ya 6: Uburyo bwakoreshejwe mu gushishikariza Abanyarwanda ibijyanye n'amatora**

<b>UBURYO BWAKORESHEJWE</b>	<b>ABO UBUTUMWA BWARI BUGENEWE</b>
Ikinyamakuru cya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora <b><i>Inzira ya "Demokarasi"</i></b>	Abaturage bose bazi gusoma
Ikiganiro cya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora <b><i>"Inzira ya Demokarasi"</i></b> gihita kuri Radio Rwanda	Abaturage bumva Radio Rwanda
Itangazamakuru (Radiyo, Televiziyo, Ibinyamakuru byandika, Internet, ...)	Abaturage muri rusange
Ibyapa ku mihanda ( <b><i>"Banderoles"; "Bill boards"; "Posters"; ...</i></b> )	Abaturage muri rusange
Inyandiko-mpine	Abaturage muri rusange bazi gusoma
Ibiganiri mbwirwaruhame	Abaturage muri rusange
Ikiganiro <b><i>"Kubaza bitera kumenya"</i></b> kuri Radiyo na Televiziyo by'u Rwanda	Abanyarwanda muri rusange
Ibiganiri bigenewe abanyamakuru ( <b><i>"Press conferences"</i></b> )	Abanyamakuru ba Leta n'abigenga, abaturage muri rusange
<b><i>"Sono mobile"</i></b>	Abaturage muri rusange

**1.7. Gutunganya lisiti y'itora no gutanga amakarita y'itora**

Mu matora yo muri Gashyantare-Werurwe 2011, kuri buri cyiciro cy'itora hateguwe lisiti y'itora igaragaza abagomba gutora n'ibyiciro barimo.

By'umwihariko, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyize imbaraga mu gutunganya lisiti y'itora yakoreshejwe mu matora ataziguye yo ku wa 21 Gashyantare 2011, yakosowe mu byiciro bibiri bikurukira:

- Gukosora lisiti y'itora, icyiciro cya mbere: Kuva tariki 25/10-30/11/2010
- Gukosora lisiti y'itora, icyiciro cya kabiri: 03/01-3/02/2011



Kugira ngo lisiti y’itora irusheho gutungana neza kandi ku buryo bwihuse, gukosora lisiti y’itora mu mashini kabuhariwe byakorewe mu Turere aho kuba ku cyicaro cya Komisiyo y’Igihugu y’Amatora nk’uko byari bisanzwe bikorwa.

Hashingiwe kuri lisiti y’itora y’agateganyo yatangajwe tariki 28/12/2010, Komisiyo y’Igihugu y’Amatora yateguye kandi itanga amakarita y’itora masha ku Banyarwanda bose bemerewe gutora.


Hifashishijwe urubuga rwayo rwa “internet” n’ubutumwa bugufi kuri telefone igendanwa, Komisiyo y’Igihugu y’Amatora yashyizeho uburyo butuma umuturage ashobora gusuzuma umwirondoro we n’aho yanditse kuri lisiti y’itora.

Lisiti y’Itora ntakuka yatangajwe na Komisiyo y’Igihugu y’Amatora tariki 4 Gashyantare 2011. Abanyarwanda bemerewe gutora bari kuri lisiti y’itora ntakuka bangana na **5.411.740** nk’uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe ya 7: Imibare y’abari kuri lisiti y’itora ntakuka**

Intara/Umuji wa Kigali	Abaturage bose (A)	Abagejeje igihe cyo gutora (B)	% (B/A)	Abaturage bemerewe gutora									
				Bose (C)	% (C/B)	Abagabo (D)	% (D/C)	Abagore (E)	% (E/C)	Urubynuko (F)	% (F/C)	Hejuru y’imyaka 35 (G)	% (G/C)
Umuji wa Kigali	1,053,857	676,305	64.2%	637,632	94.3%	335,563	52.6%	302,069	47.4%	448,191	70.3%	189,441	29.7%
Amajyepfo	2,471,668	1,436,792	58.1%	1,326,486	92.3%	578,468	43.6%	748,018	56.4%	790,109	59.6%	536,377	40.4%
Iburengerazuba	2,474,463	1,343,895	54.3%	1,279,996	95.2%	563,701	44.0%	716,295	56.0%	801,274	62.6%	478,722	37.4%
Amajyaruguru	1,752,534	954,085	54.4%	920,433	96.5%	412,914	44.9%	507,519	55.1%	552,866	60.1%	367,567	39.9%
Iburasirazuba	2,321,711	1,320,933	56.9%	1,247,193	94.4%	569,567	45.7%	677,626	54.3%	765,484	61.4%	481,709	38.6%
<b>TOTAL</b>	<b>10,074,233</b>	<b>5,732,010</b>	<b>56.9%</b>	5,411,740	94.4%	2,460,213	45.5%	2,951,527	54.5%	3,357,924	62.0%	2,053,816	38.0%

**Ikigereranyo cy'abagabo n'abagore, urubyiruko n'abarengeje imyaka 35 bari kuri lisiti y'itora ntakuka**



**1.8. Gushaka ibikoresho by'amatora**

Nyuma y'amatora ya Perezida wa Repubulika yo ku wa 09/08/2010, mu rwego rwo kwitegura amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inzego zihariye, Komisiyo y'Igihugu y'amatora yabaruye ibikoresho byakoreshejwe bishobora kongera gukoreshwa, kugira ngo imenye ibikoresho bizakenerwa.

Hubahirijwe gahunda y'amatora, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashatse ibikoresho by'ingenzi bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira :

**Imbonerahamwe ya 8 : Ibikoresho by'ingenzi byaguzwe**

UBWOKO BW'IBIKORESHO	INGANO YABYO
Amararita y'itora	6.000.000
Impapuro z'itora	11,918.876
Imyambaro y'abayobora amatora	67.800
Imigozi ifunga amasanduka y'itora (seals)	200.000

<b>UBWOKO BW'IBIKORESHO</b>	<b>INGANO YABYO</b>
Wino idasibama (Indelible Ink)	16.000
Wino isanzwe	16.000
“Tempon special”	16.000
Amabuye ya „MEGAPHONES“	45.232
Amabahasha	16.000
“Scotch“	16.000

Nyuma y'iboneka ry'ibikoresho, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yabigejeje ahagombaga gutorerwa. Ibikoresho byose by'itora byari byageze ahagombaga gutorerwa tariki ya 20/02/2011, bucya amatora rusange ari bube tariki ya 21/2/2011. Inzego z'umutekano zafashe ingamba zo kurinda umutekano wabyo.

### **1.9. Kwakira indorezezi z'amatora**

Nk'uko bisanzwe mu matora, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ishingiyeye ku ngingo ya 205 y'Itegeko n°27/2010 ryo ku wa 19/06/2010 rigenga amatora, yatumiye kandi yakira indorezezi zitandukanye zakurikiranye amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inzego zihariye. Kuva ku itariki ya 15 Mutarama kugeza kuya 18 Gashyantare 2011, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakiriye iha n'ibyangombwa abifuzaga kuba indorezezi z'amatora bangana na 1001.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana imiryango n'ibigo byohereje indorezezi zakurikiranye amatora n'imibare yazo :

*Imbonerahamwe ya 9 : Indorezezi zakurikiranye amatara*

<b>N°</b>	<b>Umuryango/Ikigo cyohereje indorezezi</b>	<b>Umubare w'indorezezi</b>
1	RWANDA GOVERNANCE ADVISORY COUNCIL	7
2	NATIONAL COMMISSION FOR THE FIGHT AGAINST GENOCIDE	5
3	HIGH COMMISSION OF TANZANIA	3
4	SOUTH AFRICA EMBASSY	4
5	EMBASSY OF UNITED STATES OF AMERICA	28
6	RWANDA CIVIL SOCIETY PLATFORM	539
7	NATIONAL YOUTH COUNCIL	12
8	NATIONAL WOMEN COUNCIL	12
9	OMBUDSMAN OFFICE	62
10	GENDER MONITORING OFFICE	25
11	NATIONAL CONSULTATIVE FORUM OF POLITICAL ORGANIZATIONS	100
12	BRITISH HIGH COMMISSION	22
13	EMBASSY OF SWEDEN	8
14	EMBASSY OF THE NETHERLANDS	3
15	NATIONAL HUMAN RIGHTS COMMISSION	38
16	HIGH COMMISSION OF CANADA	1
17	EMBASSY OF DRC	1
18	NATIONAL UNITY AND RECONCILIATION COMMISSION	101
19	MINISTRY OF LOCAL GOVERNMENT	19
20	EMBASSY OF JAPAN	7
21	KENYA HIGH COMMISSION	4
	<b>TOTAL</b>	<b>1,001</b>

### 1.10. Kwakira, gusuzuma no kwemeza kandidatire

Nk’uko biteganywa n’amategeko, uretse kandidatire z’abifuzaga kujya mu Nama Njyanama z’Uturere, mu bindi byiciro by’amatora y’abayobozi b’inzego z’ibanze n’ab’inzego zihariye, kandidatire zatanzwe ku muni w’itoro imbere y’inteko itora.


Kandidatire z’abajyanama rusange n’iz’abahagarariye abagore mu Nama Njyanama z’Uturere zakiriwe na Komisiyo y’Igihugu y’Amatora kuva tariki 10-24/1/2011 zingana na **2,503**.

Nyuma yo gusuzuma izo kandidatire, Inama y’Abakomiseri yemeje izingana na **2,497** zirimo **1,472** z’abajyanama rusange na **1,025** z’abajyanama b’abagore bagombaga kuvamo 30% by’abagize Inama Njyanama z’Uturere, nk’uko biboneka mu mbonerahamwe ikurikira:

#### Imbonerahamwe ya 10: Umubare wa kandidatire zemejwe n’Inama y’Abakomiseri

Intara/Umuji wa Kigali	Akarere	Abakandida rusange	Abakandida b’abagore (30% by’abagize Inama Njyanama y’Akarere)	Igiteranyo
Umujyi wa Kigali	Kicukiro	63	33	96
	Nyarugenge	63	34	97
	Gasabo	83	58	141
<b>Igiteranyo</b>		<b>209</b>	<b>125</b>	<b>334</b>
Amajyepfo	Ruhango	46	27	73
	Kamonyi	34	29	63
	Nyaruguru	39	29	68
	Nyamagabe	48	37	85
	Gisagara	32	31	63
	Muhanga	36	29	65
	Nyanza	34	27	61
	Huye	42	36	78
<b>Igiteranyo</b>		<b>311</b>	<b>245</b>	<b>556</b>

Intara/Umujiyi wa Kigali	Akarere	Abakandida rusange	Abakandida b'abagore (30% by'abagize Inama Njyanama y'Akarere)	Igiteranyo
Iburasirazuba	Kirehe	41	34	75
	Ngoma	55	35	90
	Gatsibo	40	21	61
	Nyagatare	45	30	75
	Kayonza	46	33	79
	Rwamagana	40	31	71
	Bugesera	49	36	85
<b>Igiteranyo</b>		<b>316</b>	<b>220</b>	<b>536</b>
Amajyaruguru	Burera	44	26	70
	Gakenke	65	47	112
	Gicumbi	66	33	99
	Musanze	81	36	117
	Rulindo	62	42	104
<b>Igiteranyo</b>		<b>318</b>	<b>184</b>	<b>502</b>
Iburengerazuba	Rubavu	38	27	65
	Ngororero	49	36	85
	Nyabihu	45	31	76
	Karongi	37	37	74
	Rutsiro	43	37	80
	Rusizi	59	42	101
	Nyamasheke	47	41	88
<b>Igiteranyo</b>		<b>318</b>	<b>251</b>	<b>569</b>
<b>Igiteranyo rusange</b>		<b>1,472</b>	<b>1,025</b>	<b>2,497</b>




### 1.11. *Kugena ahatorewe*

Bitewe n’imiterere y’amatora, Komisiyo y’Igihugu y’Amatora ku bufatanye n’ubuyobozi bw’inzego z’ibanze, yashatse inatunganya ahabereye amatora atandukanye. By’umwihariko ku matora rusange yo ku itariki ya 04/02/2011, ku rwego rwa buri Kagari hagenwe site imwe yabereyeho amatora ya Komite Nyobozi z’Imidugudu, amatora y’abahagarariye Imidugudu mu Nama Njyanama z’Utugari, amatora y’abagore bangana na 30% by’Inama Njyanama y’Akagari, amatora y’abakandida b’abagore batowemo 30% by’abagize Inama Njyanama z’Imirenge n’amatora y’abagize Komite Nyobozi y’Inama y’Igihugu y’Urubyiruko ku Tugari.

Ku matora y’abajyanama rusange n’abakandida b’abagore mu Nama Njyanama z’Uturere yabaye ku wa 21/02/2011, kugena ahatorewe n’umubare w’ibyumba by’itora byashingiye ku mubare w’abaturage bari kuri lisiti y’itora ya buri Mudugudu, nk’uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

*Imbonerahamwe ya 11: Imibare y’ibiro n’ibyumba by’itora byakoreshejwe mu matora ataziguye yo ku wa 21/2/2011*

<b>Intara/Umuji wa Kigali</b>	<b>Imirenge</b>	<b>Utugari</b>	<b>Ibiro by’itora</b>	<b>Imidugudu</b>	<b>Ibyumba by’itora</b>
Umuji wa Kigali	35	161	147	1,176	1,532
Amajyepfo	101	532	535	3,501	3,699
Iburengerazuba	89	414	525	3,624	3,695
Amajyaruguru	95	503	388	2,744	2,826
Iburasirazuba	96	538	501	3,792	3,911
<b>TOTAL</b>	<b>416</b>	<b>2,148</b>	<b>2,096</b>	<b>14,837</b>	<b>15,663</b>



### **1.12. Kwiyamamaza kw'abakandida**

Hashingiwe kuri gahunda rusange y'amatora, igikorwa cyo kwiyamamaza kw'abakandida b'abajyanama rusange n'abakandida b'abagore mu Nama Njyanama z'Uturere cyatangiye tariki ya 31/01/2011 gisozwa ku wa 20/02/2011 . Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakurikiranye icyo gikorwa mu Mirenge yose nk'uko biteganywa n'Itegeko rigenga amatora.

Ku bindi byiciro by'amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'izihariye, kwiyamamaza byabaye ku munsu w'itora imbere y'abagize inteko itora.

Icyo gikorwa cyagenze neza muri rusange, hubahirizwa ibiteganywa n'Itegeko n'amabwiriza bigenga amatora.



## **UMUTWE WA II: IMIGENDEKERE Y'AMATORA N'IBYAYAVUYEMO**

Nk'uko gahunda rusange y'amatora yabiteganyaga, amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze yakozwe mu gihe kimwe n'ay'abayobozi b'inzego zihariye.

### **2.1. Amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze**

Kuva tariki ya 4 Gashyantare 2011 kugeza tariki ya 26 Gashyantare 2011, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yayoboye amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze akurikira:

1. Amatora y'abagize Komite Nyobozi z'Imidugudu;
2. Amatora y'abagize Inama Njyanama z'Utugari;
3. Amatora y'abagize Inama Njyanama z'Imirenge;
4. Amatora y'abagize Inama Njyanama z'Uturere;
5. Amatora y'abagize Komite Nyobozi z'Uturere;
6. Amatora y'abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali;
7. Amatora y'abagize Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali.

#### **2.1.1. Amatora y'abagize Komite Nyobozi z'Imidugudu**

Tariki ya 4 Gashyantare 2011, muri buri Mudugudu hatowe abagize Komite Nyobozi y'Umudugudu bakurikira:


1. Umukuru w'Umudugudu;
2. Ushinzwe imibereho myiza y'abaturage n'imbonezamubano;
3. Ushinzwe umutekano, abinjira n'abasohoka mu Mudugudu;
4. Ushinzwe amakuru n'amahugurwa y'abaturage;
5. Ushinzwe iterambere.

Muri rusange amatora y'abagize Komite Nyobozi z'Imidugudu yitabiriwe ku kigereranyo cya 87.1% nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira igaragaza imibare y'abatowe n'amashuri yabo.


**Imbonerahamwe ya 12 : Ibyavuye mu matora y'abagize Komite Nyobozi z'Imidugudu**

Intara/Umujiyi wa Kigali	UBWITABIRE			IMIBARE Y'ABATOWE					IBYICIRO BY'AMASHURI				
	abari gutora	Abatoye	%	Bose	Abagabo	%	Abagore	%	Munsi ya A2	A2	A1	A0	Hejuru ya A0
Umujyi wa Kigali	637,632	549,673	86.2%	5,815 (*)	3,022	52.0%	2,793	48.0%	3276	1865	291	355	28
Amajyepfo	1,326,486	1,194,731	90.1%	17,505	10,694	61.1%	6,811	38.9%	17,035	376	46	37	11
Iburengerazuba	1,279,996	1,090,016	85.2%	18,075 (*)	11,157	61.7%	6,918	38.3%	17,640	369	31	34	1
Amajyaruguru	920,433	760,645	82.6%	13,720	8,492	61.9%	5,228	38.1%	13,536	158	12	14	0
Iburasirazuba	1,247,193	1,118,626	89.7%	18,955 (*)	12,070	63.7%	6,885	36.3%	17,860	1,032	41	22	0
<b>Igiteranyo</b>	<b>5,411,740</b>	<b>4,713,691</b>	<b>87.1%</b>	<b>74,070</b>	<b>45,435</b>	<b>61.3%</b>	<b>28,635</b>	<b>38.7%</b>	<b>69,347</b>	<b>3,800</b>	<b>421</b>	<b>462</b>	<b>40</b>


(\*) Imidugudu itagitwe ntiyatorewe abayobozi



**Ikigereranyo cy'abagabo n'abagore batowe mu matora y'abagize Komite Nyobozi z'Imidugudu tariki ya 4/2/2010**



**Ikigereranyo cy'amashuri y'abatowe muri Komite Nyobozi z'Imidugudu tariki ya 4/2/2011**



### **2.1.2 Amatora y'abagize Inama Njyanama z'Utugari**

Kuva tariki ya 4 kugeza tariki 16 Gashyantare 2011, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yayoboye amatora y'abagize Inama Njyanama z'Utugari bakurikira:


1. Umujyanama rusange uhagarariye Umudugudu mu Nama Njyanama y'Akagari;
2. Abajyanama b'abagore bangana nibura na 30% by'abagomba kugira Inama Njyanama y'Akagari;
3. Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akagari;
4. Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubiruko ku Kagari;
5. Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku Kagari;
6. Uhagarariye abayobozi b'ibigo by'amashuri y'incuke biri mu Kagari;
7. Uhagarariye abarimu b'amashuri abanza ari mu Kagari;
8. Uhagarariye abikorera bari mu Kagari.

Abagize Inama Njyanama y'Akagari bamaze gutorwa, bitoyemo abagize Biro y'Inama Njyanama aribo Perezida, Visi Perezida n'Umunyamabanga.


Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imibare y'abatowe mu Nama Njyanama z'Utugari mu Ntara n'Umujyi wa Kigali n'ibyiciro by'amashuri barangije.

**Imbonerahamwe ya 13 : Ibyavuye mu matora y'abagize Inama Njyanama z'Utugari**

Intara/Umujiyi wa Kigali	Imibare y'abatowe					Ibyiciro by'amashuri				
	Bose	Abagabo	%	Abagore	%	Munsi ya A2	A2	A1	A0	Hejuru ya A0
Umujiyi wa Kigali	2,608	1,395	53.5%	1,213	46.5%	224	1,893	203	276	12
Amajyepfo	9,192	4,832	52.6%	4,360	47.4%	6,291	2,687	89	123	2
Iburengerazuba	3,540	2,047	57.8%	1,493	42.2%	2,346	1,041	71	82	-
Amajyaruguru	6,041	3,532	58.5%	2,509	41.5%	4,199	1,631	98	112	1
Iburasirazuba	9,155	5,320	58.1%	3,835	41.9%	6,296	2,628	125	105	1
<b>Igiteranyo</b>	<b>30,536</b>	<b>17,126</b>	<b>56.1%</b>	<b>13,410</b>	<b>43.9%</b>	<b>19,356</b>	<b>9,880</b>	<b>586</b>	<b>698</b>	<b>16</b>



**Ikigereranyo cy'amashuri y'abatowe mu Nama Njyanama z'Utugari**



### **2.1.3. Amatora y'abagize Inama Njyanama z'Imirenge**

Kuva tariki ya 16 kugeza tariki ya 19 Gashyantare 2011, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yayoboye amatora y'abagize Inama Njyanama z'Imirenge na Biro zazo, nk'uko bigaragara mu mugereka wa mbere w'iyi raporo.

Ibyiciro byatorewe ni ibi bikurikira:

- Umujyanama uhagarariye Akagari;
- Abagize Biro y'Inama y'Igihugu y'Urubwiruko ku Murenge;
- Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku Murenge;
- Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku Murenge;
- Uhagarariye abayobozi b'amashuri abanza;
- Uhagarariye abayobozi b'amashuri yisumbuye;
- Uhagarariye imiryango itari iya Leta ikorera mu Murenge;
- Uhagarariye abakorera mu makoperative mu Murenge;
- Umuyobozi uhagarariye ibitaro, ibigo nderabuzima cyangwa amavuriro ;


- Abahagarariye abagore bangana nibura na 30% by’abagize Inama Njyanama y’Umurenge ;
- Uhagarariye abikorera bari mu Murenge.

Abagize Inama Njyanama y’Umurenge bamaze gutorwa, bitoyemo abagize Biro y’Inama Njyanama aribo Perezida, Visi Perezida n’Umunyamabanga.


Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imibare y’abatowe mu Nama Njyanama z’Imirenge mu Ntara n’Umujyi wa Kigali.

**Imbonerahamwe ya 14 : Ibyavuye mu matora y’abagize Inama Njyanama z’Imirenge**

Intara/Umujyi wa Kigali	Imibare y’abatowe					Ibyiciro by’amashuri				
	Bose	Abagabo	Abagabo	Abagore	Abagore	Munsi ya A2	A2	A1	Ao	Hejuru ya Ao
Umujyi wa Kigali	658	345	52.4%	313	47.6%	-	368	111	154	25
Amajyepfo	2,225	1,150	51.7%	1,075	48.3%	624	1,284	98	213	6
Iburengerazuba	2,096	1,131	54.0%	965	46.0%	686	990	128	291	1
Amajyaruguru	1,588	961	60.5%	627	39.5%	364	981	81	157	5
Iburasirazuba	2,087	1,168	56.0%	919	44.0%	453	1,304	106	220	4
<b>Igiteranyo</b>	<b>8,654</b>	<b>4,755</b>	<b>54.9%</b>	<b>3,899</b>	<b>45.1%</b>	<b>2,127</b>	<b>4,927</b>	<b>524</b>	<b>1,035</b>	<b>41</b>



**Ikigereranyo cy'amashuri y'abatowe mu Nama Njyanama z'Imirenge**



#### **2.1.4. Amatora y'abagize Inama Njyanama z'Uturere**

Tariki ya 21 Gashyantare 2011, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yayoboye amatora rusange y'abajyanama bahagararira Imirenge mu Nama Njyanama z'Uturere n'abakandida b'abagore batowemo abagore bangana nibura na 30% by'agabomba kugira Inama Njyanama z'Uturere.


Muri rusange ayo matora yitabiriwe ku buryo bushimishije ku kigereranyo cya 93,6%, akorwa mu mucyo no mu bwizanzure.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uko ayo matora yitabiriwe mu Ntara n'Umujyi wa Kigali.



## Imbonerahamwe ya 15 : Ubwitabire mu matora rusange yo kuwa 21/02/2011

Intara/Umujiyi wa Kigali	UBWITABIRE		
	<i>Abagombaga gutora</i>	<i>Abatoye</i>	%
Umujiyi wa Kigali	637,632	576,472	90.4%
Amajyepfo	1,326,486	1,262,193	95.2%
Iburengerazuba	1,279,996	1,178,983	92.1%
Amajyaruguru	920,433	878,709	95.5%
Iburasirazuba	1,247,193	1,169,032	93.7%
<b>Igiteranyo</b>	<b>5,411,740</b>	<b>5,065,389</b>	<b>93.6%</b>



Kuva ku wa 22 kugera ku wa 24 Gashyantare 2011, hatowe abahagarariye ibyiciro byihariye bijya mu Nama Njyanama z’Uturere bakurikira :


- Abagize biro y’Inama y’Igihugu y’Urubwiruko ku Karere;
- Umuhuzabikorwa w’Inama y’Igihugu y’Abagore ku Karere;
- Umuhuzabikorwa w’Inama y’Igihugu y’Abantu bafite Ubumuga ku Karere.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza ibyavuye mu matora y’abagize Inama Njyanama z’Uturere mu Ntara n’Umujiyi wa Kigali.


**Imbonerahamwe ya 16 : Ibyavuye mu matora y'abagize Inama Njyanama z'Uturere**

Intara/Umujiyi wa Kigali	Akarere	Imibare y'abatowe					Ibyiciro by'Amashuri			
		Bose	Abagabo	%	Abagore	%	A <sub>2</sub>	A <sub>1</sub>	A <sub>0</sub>	HEJURU YA A <sub>0</sub>
UMUJIYI WA KIGALI	NYARUGENGE	22	11	50.0%	11	50.0%	1	0	19	2
	KICUKIRO	20	10	50.0%	10	50.0%	2	1	14	3
	GASABO	29	17	58.6%	12	41.4%	2	0	25	2
<i>Igiteranyo Umujyi wa Kigali</i>		71	38	53.5%	33	46.5%	5	1	58	7
AMAJYEPFO	GISAGARA	26	16	61.5%	10	38.5%	9	4	12	1
	HUYE	28	15	53.6%	13	46.4%	7	1	19	1
	KAMONYI	25	13	52.0%	12	48.0%	5	2	16	2
	MUHANGA	24	14	58.3%	10	41.7%	1	3	16	4
	NYAMAGABE	31	18	58.1%	13	41.9%	8	5	17	1
	NYANZA	22	11	50.0%	11	50.0%	3	1	18	-
	NYARUGURU	28	17	60.7%	11	39.3%	7	1	18	2
	RUHANGO	20	11	55.0%	9	45.0%	3	4	12	1
<i>Igiteranyo Amajyepfo</i>		204	115	56.4%	89	43.6%	43	21	128	12
IBURENGERAZUBA	RUSIZI	25	14	56.0%	11	44.0%	4	4	14	3
	NYAMASHEKE	26	14	53.8%	12	46.2%	9	2	15	0
	RUTSIRO	26	16	61.5%	10	38.5%	2	0	23	1
	KARONGI	26	14	53.8%	12	46.2%	0	3	21	2
	NYABIHU	26	14	53.8%	12	46.2%	0	3	21	2
	NGORORERO	33	19	57.6%	14	42.4%	5	3	22	3
	RUBAVU	29	18	62.1%	11	37.9%	10	0	16	3
<i>Igiteranyo Iburengerazuba</i>		191	109	57.1%	82	42.9%	30	15	132	14
AMAJYARUGURU	BURERA	32	19	59.4%	13	40.6%	13	1	14	4
	GAKENKE	35	22	62.9%	13	37.1%	8	5	20	2
	GICUMBI	38	21	55.3%	17	44.7%	8	5	20	5
	MUSANZE	29	16	55.2%	13	44.8%	7	1	18	3
	RULINDO	32	20	62.5%	12	37.5%	10	2	19	1


Intara/Umujiyi wa Kigali	Akarere	Imibare y'abatowe					Ibyiciro by'Amashuri			
		Bose	Abagabo	%	Abagore	%	A <sub>2</sub>	A <sub>1</sub>	A <sub>0</sub>	HEJURU YA A <sub>0</sub>
<i>Igiteranyo Amajyaruguru</i>		166	98	59.0%	68	41.0%	46	14	91	15
IBURASIRAZUBA	BUGESERA	29	18	62.1%	11	37.9%	8	5	14	2
	GATSIBO	25	15	60.0%	10	40.0%	6	4	15	0
	KAYONZA	25	15	60.0%	10	40.0%	7	5	12	1
	KIREHE	25	14	56.0%	11	44.0%	5	3	17	0
	NGOMA	28	14	50.0%	14	50.0%	7	0	17	4
	NYAGATARE	28	14	50.0%	14	50.0%	8	4	16	0
	RWAMAGANA	28	16	57.1%	12	42.9%	8	2	17	1
<i>Igiteranyo Iburasirazuba</i>		188	106	56.4%	82	43.6%	49	23	108	8
<b>Igiteranyo rusange</b>		<b>820</b>	<b>466</b>	<b>56.8%</b>	<b>354</b>	<b>43.2%</b>	<b>173</b>	<b>74</b>	<b>517</b>	<b>56</b>



**Ikigereranyo cy'ibyiciro by'amashuri (Intara/Umuji wa Kigali)**



**Ikigereranyo cy'ibyiciro by'amashuri (ku rwego rw'Igihugu)**






### **2.1.5. Amatora y'abagize Biro z'Inama Njyanama na Komite Nyobozi by'Uturere**

Tariki 25 Gashyantare 2011, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yayoboye amatora y'abagize Biro z'Inama Njyanama z'Uturere zigizwe na Perezida, Visi Perezida n'Umunyamabanga. Hatowe kandi n'abagize Komite Nyobozi z'Uturere aribo Umuyobozi w'Akarere, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imari, Ubukungu n'Amajyambere n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage.

Imbonerahamwe zikurikira zigaragaza imibare y'abatowe muri Biro z'Inama Njyanama na Komite Nyobozi z'Uturere tugize Intara n'Umujyi wa Kigali.


#### **Imbonerahamwe ya 17 :Ibyavuye mu matora y'abagize Biro z'Inama Njyanama z'Uturere**



<i>Intara/Umujyi wa Kigali</i>	<b>IMIBARE Y'ABATOWE</b>					<b>IBYICIRO BY'AMASHURI</b>			
	<i>Bose</i>	<i>Abagabo</i>	<i>%</i>	<i>Abagore</i>	<i>%</i>	<i>A<sub>2</sub></i>	<i>A<sub>1</sub></i>	<i>A<sub>0</sub></i>	<i>Hejuru ya A<sub>0</sub></i>
Umujyi wa Kigali	9	6	66.7%	3	33.3%	1		4	4
Amajyepfo	24	16	66.7%	8	33.3%	5	1	14	4
Iburengerazuba	21	13	61.9%	8	38.1%		3	14	4
Amajyaruguru	15	10	66.7%	5	33.3%	1	1	9	4
Iburasirazuba	21	14	66.7%	7	33.3%	1	2	<b>15</b>	<b>3</b>
<b>Igiteranyo</b>	<b>90</b>	<b>59</b>	<b>65.6%</b>	<b>31</b>	<b>34.4%</b>	<b>8</b>	<b>7</b>	<b>56</b>	<b>19</b>



**Imbonerahamwe ya 18 : Ibyavuye mu matora y'abagize Komite Nyobozi z'Uturere**

Intara/Umujiyi wa Kigali	UBWITABIRE			IMIBARE Y'ABATOWE					AMASHURI		
	Abagombaga gutora	Abatoye	%	Bose	Abagabo	%	Abagore	%	A1	Ao	Hejuru ya Ao
Umujyi wa Kigali	842	816	96.9%	9	5	55.6%	4	44.4%	0	7	2
Amajyepfo	2,463	2,231	90.6%	24	14	58.3%	10	41.7%	2	20	2
Iburengerazuba	2,317	1,903	82.1%	21	14	66.7%	7	33.3%	0	19	2
Amajyaruguru	2,008	1,943	96.8%	15	10	66.7%	5	33.3%	0	14	1
Iburasirazuba	2,264	1,991	87.9%	21	13	61.9%	8	38.1%	0	20	1
<b>Igiteranyo</b>	<b>9,894</b>	<b>8,884</b>	<b>87.9%</b>	<b>90</b>	<b>56</b>	<b>62.2%</b>	<b>34</b>	<b>37.8%</b>	<b>2</b>	<b>80</b>	<b>8</b>





**2.1.6. Amatora y'abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali**



